Rwanda Education Board

# Inyamanza n'abana bayo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Inkuru yo mu kiciro cya gatatu cyo gusoma

3

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Inyamanza n’abana bayo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

UWUMUKIZA Josiane, yanditse iyi nkuru afite imyaka 14, yiga mu mwaka wa 3 w’amashuri yisumbuye, mu rwunge rw’amashuri rwa Mutagatifu Andereya i Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Iyi nkuru ye, INYAMANZA N’ABANA BAYO, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Kera habayeho inyamanza.
Itera amagi ane mu cyari.



Yabanaga n'izindi nyoni mu ishyamba.
Zikabana neza, zigasangira byose.



Umunsi umwe ituraga ya magi.
Havamo utunyamanza twiza cyane.



Igihe kimwe izinduka igiye guhaha.
Isiga ibujije abana bayo gusohoka mu cyari.



Imaze kugenda, abana basigara baganira.
Bibaza impamvu badasohoka.



Abana bigira inama yo kujya gutembera. Bajya kureba uko ishyamba rimeze.




Nyina igarutse, ibura abana bayo.
Irahangayika yibaza uko byabagendekeye.



Ibaza izindi nyoni niba nta bo zabonye.
Ziyibwira ko zitababonye.
Ziyemerera kuyifasha kubashakisha.



Mu gihe zabashakishaga, zihura na Bakame.
Ziyibaza niba nta bana b'inyamanza yabonye.



Bakame izibwira ko yabonye bagana ibwami.
Hari mu masaha ya mu gitondo.



Inyamanza itangira kugira ubwoba.
Izindi nyoni zibibonye zirayihumuriza.



Zikigera ibwami zica bugufi.
Ziha icyubahiro intare umwami w'ishyamba.
Zitungurwa no kubona intare iteruye ba bana.



Inyamanza itangira kwinginga intare.
Iyisaba ko iyisubiza abana bayo.
Intare ihumuriza inyamanza.



Iyemerera kuyisubiza abana bayo.
Inyamanza ishimira intare umwami w'ishyamba.



Inyamanza isanga za nyoni zayiherekeje.
Izibwira ko yemerewe gusubizwa abana bayo.
Izishimira ko zayifashije kubashaka.



Intare na yo ishimira izo inyoni zose.
Izisaba gukomeza ubumwe n'ubufatanye.



Umwami aha inyamanza abana bayo.
Nuko asezerera izo nyoni zose.



Abana b'inyamanza babona ko bakosheje.
Basaba nyina imbabazi.
Biyemeza kujya bagenda basabye uruhushya.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA